# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

UKWAKIRA 2023

KWINANGIRA GUTANGA AMAKURU Y' AHAKIRI IMIBIRI Y' ABAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 ITARASHYINGURWA MU CYUBAHIRO, NI IMWE MU MBOGAMIZI Y' UBUMWE N' UBUDAHERANWA BW' ABANYARWANDA- GUVERINERI KAYITESI.



SOMA PAJI YA 3

SOMA PAJI YA 2

UMUNYAMABANGA WA LETA MURI MINIYOUTH YASABYE URUBYIRUKO KUGIRA UMUHATE WO KWIGA NO GUSHAKISHA IBISHYA MU RWEGO RWO GUHANGANA KU ISOKO RY' UMURIMO




SOMA PAJI YA 12

UMUYOBOZI WA FONDATION MARGRIT FUCHS KU RWEGO RW' ISI REGULA GLOOR YASUYE AKARERE KA NYAMAGABE YISHIMIRA UKO ABAGENERWABIKORWA BA YO BAKORESHA NEZA INKUNGA BAHABWA.





SOMA PAJI YA 15

MINISITIRI USHINZWE IBIKORWA BY' UBUTABAZI MAJ. GEN. (RTD.) ALBERT MURASIRA YASUYE AKARERE N' INKAMBI Y' IMPUNZI YA KIGEME.

# UMUNYAMABANGA WA LETA MURI MINIYOUTH YASABYE URUBYIRUKO KUGIRA UMUHATE WO KWIGA NO GUSHAKISHA IBISHYA MU RWEGO RWO GUHANGANA KU ISOKO RY' UMURIMO




**Umunyamabanga wa Leta muri MINIYOUTH yasabye urubyiruko guhanga udushya mu rwego rwo guhangana ku isoko ry' umurimo**

Kuri uyu wa 31 Ukwakira 2023, muri Kaminuza y' u Rwanda, Ishami rya Huye habereye ibiganiro byibanze ku murimo (Career Orientation Fair) byahurije hamwe Urubyiruko rwaturutse mu Turere twose tugize Intara y' Amajyepfo rusaga 1000 byateguwe na Minisiteri y' Urubyiruko(MINIYOUTH).

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y' Urubyiruko akaba ari nawe wari Umushyitsi Mukuru muri ibi biganiro Honorable UMUTONI Sandrine yasabye Urubyiruko kugira umuhate wo kwiga no gushakisha ibishya mu rwego rwo guhangana ku isoko ry' umurimo.



**Urubyiruko rwasabwe guhanga udushya kugira rubashe guhanga ku isoko ry' umurimo**

Yagize ati: "Rubyiruko, birakwiye ko umwanya mumamara mukoresha ikoranabuhanga, mwihugura mukunguka ubundi bumenyi kuko ni ho Isi igana. Mugire umuhate wo kwiga no gushakisha ibishya bituma murushaho guhangana ku isoko ry' umurimo."

Iyi gahunda yatangirijwe mu Ntara y' Amajyepfo ikaba izakomereza no mu zindi Ntara yanitabiriwe na Nyakubahwa Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Honorable Alice Kayitesi n' Abayobozi b' Uturere twose tuyigize.

Akarere ka Nyamagabe kari gahagarariwe n' Urubyiruko rugera kuri 90 rwari ruherekejwe n' Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI.



**Umunyamabanga wa Leta muri MINIYOUTH Honorable Sandrine UMUTONI na Governor Honorable Alice KAYITESI bafashe ifoto y' urwibutso hamwe n' Abayobozi b' Uturere**

# KWINANGIRA GUTANGA AMAKURU Y' AHAKIRI IMIBIRI Y' ABAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 ITARASHYINGURWA MU CYUBAHIRO, NI IMWE MU MBOGAMIZI Y' UBUMWE N' UBUDAHERANWA BW' ABANYARWANDA- GUVERINERI KAYITESI.



**Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Honorable Alice KAYITESI atangiza Ukwezi k' Ubumwe n' Ubudaheranwa bw' Abanyarwanda**

Ku wa 02 Ukwakira 2023, mu Murenge wa Mbazi ni ho hatangirijwe ibikorwa by' Ukwezi k' Ubumwe n' Ubudaheranwa ku rwego rw' Intara y' Amajyepfo.

Ubwo yatangizaga uku Kwezi, Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Honorable Alice KAYITESI yavuze ko umuco wo kwinangira gutanga amakuru y' ahakiri Imibiri y' abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itarashyingurwa mu cyubahiro ari imwe mu mbogamizi ku Bumwe n' Ubudaheranwa bw' Abanyarwanda.



**Abaturage b' i Mbazi basabwe gutanga amakuru y' ahakiri Imibiri y' abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Umuyobozi ushinzwe Ubudaheranwa muri Minisiteri y' Ubumwe bw' Abanyarwanda n' Inshingano Mboneragihugu( MINUBUMWE) Honorable UWACU Julienne wari uhagarariye iyi Minisiteri yasabye Abanyarwanda ko uku Kwezi kwahariwe Ubumwe n' Ubudaheranwa bw' Abanyarwanda kwababera umwanya mwiza wo gutekereza ku Bumwe n' Ubwiyunge bw' Abanyarwanda kandi bakirinda ibyonnyi bishaka kubwangiza.



**Uwacu Julienne, Umuyobozi ushinzwe Ubudaheranwa muri MINUBUMWE**

Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko muri aka Karere by' umwihariko mu Murenge wa Mbazi uku Kwezi kuziye igihe bitewe nuko mu minsi ishize hagaragaye Imibiri y' abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yari yarubakiweho inzu y' ubucuruzi, bituma Ubumwe n' Ubudaheranwa bw' Abanyarwanda muri aka gace buzamo agatotsi.

## PEREZIDA W' INAMA NJYANAMA Y' AKARERE YIFATANYIJE N' ABATURAGE BA KIBUMBWE KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA W' UMUGORE WO MU CYARO



**Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere ari kumwe na VM ASOC mu birori byo kwizihiza Umunsi w' Umugore wo mu Cyaro**

Ku wa 15 Ukwakira 2023, Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere Madame Clothilde UWAMAHORO ari kumwe n' Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA bifatanyije n' Abaturage bo mu Murenge wa Kibumbwe mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kuzirikana Umugore wo mu Cyaro ku rwego rw' Akarere.

Visi Meya Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yasabye Abangavu kwirinda inda zitateganyijwe babifashijwemo n' Ababyeyi ndetse na Basaza babo mu rwego rwo kurinda ejo heza habo.

Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere akaba nawe wari Umushyitsi Mukuru kuri uyu Munsi Mpuzamahanga w' Umugore wo mu Cyaro yashimye Leta y' u Rwanda yasubije Umugore agaciro ikanamushyiriraho amahirwe yo kwiteza imbere.



**Perezida wa Njyanama yashimiye Leta yasubije Umugore agaciro**



**VM ASOC yasabye Abangavu kwirinda inda zitateganyijwe**




**Kuri uyu munsi kandi habayeho ibikorwa binyuranye byo kuremera umugore wo mu Cyaro.**

## UMUVUNYI WUNGIRIJE YASUYE AKARERE MU RWEGO RWO GUSUZUMA AHO IBIBAZO URWEGO RW’ UMUVUNYI RWASIZE BIGEZE BIKEMUKA



**Umuvunyi Wungirije Honorable YANKURIJE yasuye Akarere**


Ku wa 06 Ukwakira 2023, Umuvunyi Wungirije Ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane Honorable YANKURIJE Odette yasuye Akarere yakirwa n’ Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thadée HABIMANA ari kumwe n' Uwungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Agnès UWAMARIYA.

Uru ruzinduko rwari rugamije gusuzuma aho ibibazo Urwego rw' Umuvunyi ku bufatanye n' Akarere bakiriye muri Gahunda yo Gukumira no Kurwanya Akarengane yabereye mu Karere kuva ku wa 12/12/2022 kugeza ku wa 15/12/2022 byari bigeze bikemuka.

Bumwe mu buryo Akarere kashyizeho mu kwita ku bibazo byabajijwe Urwego rw’ Umuvunyi burimo Ukwezi kwahariwe kwakira no gukemura ibibazo by’ Abaturage, Umurongo wa Telephone utishyurwa (3201), gushyiraho Urwego rw’ Ubutabera, Ubwiyunge, Amategeko n’ Umutekano ruhuza Inzego z’ Ubushinjacyaha, MAJ, ukuriye Abavoka, Legal Advisor w’ Akarere n’ Umuyobozi w’ Ishami ry’ Imiyoborere Myiza mu Karere, Polisi, RIB na RCS, Inteko z’ Abaturage, Umugoroba w’ Imiryango, Umunsi wahariwe kwakira ibibazo by’ Abaturage ku Karere n’ ubundi bunyuranye.



**VM FED yagaragarije Umuvunyi Wungirije uko ibibazo by’ Abaturage byakemuwe**



**Abagize Inama y’ Umutekano Itaguye na bo bari mu bakiriye Umuvunyi Wungirije**

# MU CYUMWERU CYAHARIWE UMURYANGO MU ITORERO ADEPR, HARI ABATISHOBOYE BISHYURIWE UBWISUNGANE MU KWIVUZA




**VM ASOC yakira Sheki iriho Imisanzu ya MUSA ADEPR yageneye Abatishoboye**

Ku wa 02 Ukwakira 2023, mu Murenge wa Mushubi, Umuyobozi w’ Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y’ Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yitabiriye ibikorwa by’ Icyumweru cyahariwe Umuryango mu Itorero ADEPR.

Agaruka ku nsanganyamatsiko y' iki Cyumweru ari yo "Ubumwe bw' Umuryango Ishingiro ry' Iterambere Rirambye", Umushumba Mukuru Wungirije w' Itorero ADEPR yavuze ko iyo habuze ubumwe, umuryango urasenyuka n' iterambere rikabura. Yasabye kandi abagize imiryango kwirinda icyo ari cyo cyose cyabacamo ibice.

Muri ibi bikorwa byahariwe Icyumweru cy’ Umuryango mu Itorero ADEPR, iri Torero ryishyuriye Abaturage batishoboye Umusanzu w’ Ubwisungane mu Kwivuza(MUSA) abagera kuri 700 ndetse rinaha Abakobwa babyariye iwabo imashini zidoda 20 mu rwego rwo kubafasha kwiteza imbere no kwikura mu bwigunge.

Umuyobozi w’ Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y’ Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yashimiye Itorero ADEPR ryabonye ko umuryango ari ishingiro ry' iterambere, arishimira kandi ku bw’ izi nkunga zinyuranye ryatanze.

Vice-Mayor Asoc yaboneyeho umwanya wo guha impanuro Abakobwa, abasaba kwirinda ibishuko ahubwo bakagira umwete wo gukora. Yababwiye ko ubukene budakwiye kuba impamvu yo kwishora mu bikorwa bibatesha agaciro ahubwo bakumva ko bagomba kwihesha agaciro bakoresha imbaraga n' ubwenge byabo.





**Umushumba Mukuru Wungirije w’ Itorero ADEPR**




**Abakobwa babyariye iwabo bahawe imashini zidoda**

## AKARERE KAHEMBYE IMIRENGE YITWAYE NEZA KURUSHA IYINDI MURI GAHUNDA YA EJO HEZA



**VM FED ashyikiriza igikombe Gitifu wa Musebeya**

Ku wa 17 Ukwakira 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thadée HABIMANA yayoboye igikorwa cyo guhemba Imirenge yahize iyindi mu kwesa Umuhigo muri Gahunda ya Ejo Heza mu Mwaka w' Ingengo y' Imari wa 2022-2023.

Imirenge yahembwe ni 5 ari yo Nkomane, Musebeya, Kibirizi, Uwinkingi na Kamegeri.

By' umwihariko Umurenge wa Musebeya wanahembewe kuba ari wo wahanze udushya mu gushishikariza Abaturage bawo kwiteganyiriza muri Gahunda ya Ejo Heza.



**Imirenge yose igize Akarere yarahatanye ariko hahembwe 5 gusa**

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thadée HABIMANA yashimiye Imirenge yahawe ibihembo, aboneraho no gusaba muri rusange Imirenge yose igize Akarere kongera ingufu mu bukangurambaga mu gushishikariza Abaturage kwiteganyiriza muri Gahunda ya Ejo Heza.



**VM FED yasabye Imirenge yahembwe kutirara ngo idohoke ku bukangurambaga bwa Ejo Heza**

Ejo Heza ni gahunda ya Guverinoma y' u Rwanda y' ubwiteganyirize bw' igihe kirekire igamije kuzamura igipimo cy' ubwiteganyirize mu Gihugu no kuzamura ubukungu.

Umuntu witeganyirije muri Ejo Heza atangira guhabwa pansiyo yujuje imyaka 55, akayifata mu gihe cy'imyaka 20.

Mu gihe umwe mu banyamuryango b' ikigega yitabye Imana, umuryango we uhabwa impozamarira ya miliyoni n' ibihumbi 250.

## ABADEPITE BASUYE AKARERE MU RWEGO RWO KUREBA UKO SERIVISI Z' IMITANGIRE Y' IKARITA NDANGAMUNTU ZIKORWA MU MIRENGE



**Meya NIYOMWUNGERI yakira Abadepite mu Biro bye**

Ku wa 25, Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye Itsinda ry' Abadepite baturutse muri Komisiyo ya Politiki, Uburinganire n' Ubwuzuzanye bw' Abagore n' Abagabo mu Iterambere ry' Igihugu.

Nk' uko babyemererwa n' Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda, Abagize Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi bagenzura ibikorwa bya Guverinoma binyuranye.

Ni muri urwo rwego Itsinda ry' Abadepite bari baturutse muri Komisiyo ya Politiki, Uburinganire n' Ubwuzuzanye bw' Abagore n' Abagabo mu Iterambere ry' Igihugu ryari riyobowe na Hon. Izabiriza Marie Médiatrice ryasuye Akarere ka Nyamagabe mu rwego rwo kumenya uko Serivisi z' imitangire y' Ikarita Ndangamuntu zikorwa, uko zitabirwa n' Abaturage, imbogamizi zirimo n' uko zigenda zikemurwa mu Mirenge y' Akarere ka Nyamagabe.

Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yabwiye aba Badepite ko Serivisi z' Indangamuntu zitangwa neza mu Mirenge yose ariko hagenda hagaragara imbogamizi zirimo iyo kuba hari amafoto afatwa n' Abakozi babishinzwe, Ikigo cy' Igihugu gishinzwe Indangamuntu NIDA kikayasubirishamo.

Gusa Meya NIYOMWUNGERI avuga ko iki kibazo ahanini giterwa nuko aba Bakozi baba ari bashya mu kazi ariko ku bufatanye n' iki Kigo cya NIDA iki kibazo kigenda kivugutirwa umuti binyuze mu kubaha amahugurwa.

Mbere yo gusoza uruzinduko bagiriraga mu Karere, aba Badepite bo muri Komisiyo ya Politiki, Uburinganire n' Ubwuzuzanye bw' Abagore n' Abagabo mu Iterambere ry' Igihugu basuye Imirenge ya Kitabi na Gasaka mu rwego rwo kureba uko Serivisi z' Ikarita Ndangamuntu zitangwa.



**Abadepite babaza uko Serivisi z' itangwa ry' Ikarita Ndangamuntu zihagaze mu Karere**

# UMUYOBOZI W' AKARERE YAKOREYE MU MURENGE WA KIBUMBWE, UMUGANDA UDASANZWE WO GUHINGA UBUTAKA BUTARI BUHINZE



**Umuyobozi w’ Akarere yifatanyije n’ Abaturage bo muri Kibumbwe guhinga ubutaka butari buhinze**

Ku wa 07 Ukwakira 2023, Umuyobozi w’ Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n’ Abaturage bo mu Murenge wa Kibumbwe, ahatangirijwe ku rwego rw’ Akarere umuganda udasanzwe wo guhinga ubutaka budahinze n’ ubutahingwaga.

Uyu muganda wari witabiriwe n’ Ubuyobozi bw’ Umurenge wa Kibumbwe, abahagarariye Urwego rwunganira Akarere mu gucunga umutekano ( DASSO) na bamwe mu Baturage bo muri uyu Murenge by’ umwihariko abo mu Kagari ka Nyagatovu, wibanze ku bikorwa byo gutabira isambu y’ uwitwa Uzamushaka Petronille n’ iy’ Itorero ADEPR Nyagatovu.

Nyuma y’ uyu muganda, Umuyobozi w’ Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yahaye aba Baturage ubutumwa bwo kwihutira guhinga ubutaka bwose budahinze no guhita babuteramo imyaka mu rwego rwo kwihaza mu biribwa no kurwanya ubukene kandi bakabigira umuco.

Habayeho kandi n’ igikorwa cyo gupima ku bushake Abagore bafite imyaka 35 kuzamura n’ Abagabo bafite imyaka 40 kuzamura, indwara zitandura zirimo Diyabete n’ Umuvuduko w’ Amaraso.



**Umuyobozi w’ Akarere yatanze urugero rwiza rwo kwisuzumisha indwara zitandura**

Uyu muganda udasanzwe wo guhinga ubutaka bwose butari buhinze, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thadée HABIMANA we yawukoreye mu Murenge wa Cyanika, mu gihe Umuyobozi w’ Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y’ Abaturage Agnès UWAMARIYA we yawukoreye mu Murenge wa Gasaka. Uyu muganda udasanzwe Umuyobozi Ushinzwe Imirimo Rusange mu Karere we yawukoreye mu Murenge wa Musebeya.



**VM FED uyu muganda udasanzwe wo guhinga ubutaka butari buhinze yawukoreye mu Murenge wa Gasaka**

## KU MUNSI MPUZAMAHANGA W' ABAGEZE MU ZABUKURU URUBYIRUKO RWASABWE KWITEGANYIRIZA NO KWITA KU BAKUZE



**Bamwe mu Bageze mu zabukuru bo muri Nkomane**

Ku wa 03 Ukwakira 2023, ubwo yifatanyaga n' Abaturage bo mu Murenge wa Nkomane mu birori byo kwizihiza ku rwego rw' Akarere, Umunsi Mpuzamahanga w' Abageze mu Zabukuru, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès yasabye Urubyiruko kwiteganyiriza kandi rukita ku Bageze mu Zabukuru.

Agaruka ku Nsanganyamatsiko y' uyu Munsi yagiraga iti: "Guteganyiriza izabukuru, inkingi y'amasaziro meza", yasabye Urubyiruko kwiteganyiriza hakiri kare kandi rukita ku Bageze mu Zabukuru.

Visi Meya kandi yibukije Abageze mu Zabukuru ko Igihugu kibakunda ari na yo mpamvu cyabashyiriyeho gahunda zitandukanye zibafasha kugira amasaziro meza nk' Inkunga y' Ingoboka n' izindi.



**VM ASOC yibukije Abageze mu Zabukuru ko Leta ibitayeho**

Yaragize ati:" Ni ibyishimo kuba dufite Leta y' Ubumwe bw' Abanyarwanda ikunda Umuturage wese ititaye ku kiciro arimo nk' iki cyanyu cy' izabukuru. Murabizi ko bamwe muri mwe hari gahunda zibageraho zibafasha mu mibereho yanyu zirimo Inkunga y' Ingoboka n' izindi. Iki ni ikimenyetso kigaragaza ko Leta yacu yita ku Muturage ititaye ku kiciro arimo."

Muri ibi birori, bamwe mu bageze mu Zabukuru borojwe amatungo magufi, banahabwa n' ubwishingizi bwayo, abandi na bo bishyurirwa umusanzu w' Ubwisungane mu kwivuza(MUSA).





**Abageze mu Zabukuru bo mu Murenge wa Nkomane beretswe ko bitaweho baremerwa**

## ABADEPITE BO MURI KOMISIYO Y' UBUMWE BW' ABANYARWANDA, UBURENGANZIRA BWA MUNTU NO KURWANYA JENOSIDE BASUYE AKARERE

Ku wa 11 Ukwakira 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thadée HABIMANA ari kumwe n' Uwungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Agnès UWAMARIYA bakiriye itsinda ry' Abadepite bo muri Komisiyo y' Ubumwe bw' Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no Kurwanya Jenoside basuye Akarere.



**Hon. BITUNGURAMYE asobanura ikibagenza**

Uru ruzinduko rw' Itsinda ry' Abadepite ryari rigizwe na Honorable BITUNGURAMYE Diogène na Honorable Marie Thérèse NIRERE rwari mu rwego rwo gukurikirana ibijyanye n' imibereho y' abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi batishoboye, serivisi bagenerwa, uko ibimenyetso n' ubuhamya bw' abarokotse Jenoside bibungabungwa n' aho amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi ageze yandikwa; gukurikirana uko Clubs z' ubumwe n' ubwiyunge mu rubyiruko ruri mu Mashuri yisumbuye zikora n' uko zikurikiranwa.

Nyuma yo kugirana ibiganiro n' Ubuyobozi bw' Akarere, aba Badepite baganiriye n' Abanyamabanga Nshingwabikorwa b' Imirenge nka bamwe mu bazi neza ubuzima bw' abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



**Aba Badepite bagiranye ibiganiro na ba Gitifu b' Imirenge**

Nyuma y' ibiganiro, baherekejwe n' Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage basuye abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi bo mu Murenge wa Cyanika baganira ku mibereho yabo.

Muri uyu Murenge kandi aba Badepite basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Cyanika mu rwego rwo kureba uko rubungabunzwe n' uko Amateka rubitse yafatwa neza.

Muri rusange bashimye Akarere uko kita ku bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi batishoboye ndetse n' uburyo kabungabunga Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.



**VM Asoc asobanura imibereho y' abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi**

# UMUYOBOZI WA FONDATION MARGRIT FUCHS KU RWEGO RW’ ISI REGULA GLOOR YASUYE AKARERE KA NYAMAGABE



**Umuyobozi w’ Akarere yakiriye Umuyobozi wa Fondation Margrit Fuchs ku rwego rw' Isi**

Ku wa 10 Ukwakira 2023, Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n' Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye Umuyobozi wa Fondation Margrit Fuchs ku rwego rw' Isi Regula Gloor wari uri kumwe n' Ubuyobozi bwa Bureau Social de Développement iyi Fondation itera inkunga.

Nyuma yo kwakirirwa ku Biro by’ Akarere, bari kumwe n' Umuyobozi w' Akarere basuye Abagenerwabikorwa b' Abagore batandukanye bo mu Murenge wa Cyanika baterwa inkunga n' iyi Fondasiyo binyuze mu mushinga wa Bureau Social de Développement wo kubafasha kwigira.



**Meya NIYOMWUNGERI yaherekeje Regular Gloor mu Murenge wa Cyanika gusura Abagenerwabikorwa ba Fondation Margrit Fuchs**

Umuyobozi wa Fondation Margrit Fuchs Regula Gloor yashimye uburyo aba Bagenerwabikorwa bakoresha neza inkunga bahabwa.





**Regula Gloor yashimye uburyo aba Bagenerwabikorwa bakoresha neza inkunga bahabwa**

Fondation Margrit Fuchs, ni umwe mu Bafatanyabikorwa b’ Akarere mu bikorwa binyuranye bifasha Abaturage kwiteza imbere.

Washinzwe mu mwaka wa 2007 mu rwego rwo kugira ngo ibikorwa bya Margrit Fuchs wabaye mu Rwanda imyaka isaga 30 akaza kwitaba Imana mu mwaka wa 2017 azize impanuka bitazazima.

## AMBASADERI WA ZIMBABWE YANYUZWE N' IMYIGISHIRIZE YABONYE MU ISHURI RYA TTC MATER DEI MBUGA



**Umuyobozi w' Akarere yakira Ambasaderi wa Zimbabwe mu Rwanda**

Ku wa 12 Ukwakira 2023, Ambasaderi wa Zimbabwe mu Rwanda PROF. CHARITY MANYERUKE ari kumwe n' Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasuye Ishuri Nderabarezi rya TTC Mater Dei Mbuga ryigishamo Abarezi bakomoka muri iki Gihugu ashima imyigishirize yarisanzemo.

Prof. Charity Manyeruke yavuze ko yungukiye byinshi muri uru Ruzinduko, birimo kubona imfashanyigisho zigezweho, zirimo izo kwigisha abanyeshuri bafite Ubumuga, uburyo bushya bugezweho bwo kwigisha by'umwihariko n'Isomero ryiza rifite Ibitabo. Yijeje Akarere n' iri Shuri kuba Umufatanyabikorwa mu gusigasira ibyo yabonye no kubyongera.



**Ibikoresho bifasha abafite ubumuga, ni bimwe mu byo Ambasaderi wa Zimbabwe mu Rwanda yishimiye**

Yagarutse kandi ku bufatanye yabonye buri hagati y' Abarimu bakomoka mu Gihugu ahagarariye n' Abanyarwanda.

Yaragize ati: "Kubona Abarimu bo mu Rwanda no muri Zimbabwe bakorera hamwe birashimishije".

"Turi mu Ishuri byari byiza kubona ubufatanye bw' aba bombi."



**Abashyitsi bakurikiranye isomo ryigishijwe n' Umunyazimbabwe afatanyije n' Umunyarwanda**

Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yashimiye Ambassaderi wa Zimbabwe mu Rwanda, Prof. Charity Manyeruke, kuba yarasuye Ikigo kiri mu Karere ayobora.

Aba Bayobozi kandi baboneyeho umwanya wo kureba imibereho y' umwe mu Barimu bo muri Zimbabwe bamusanze aho acumbitse, bakaba barasanze ari myiza.

Igihugu cya Zimbabwe ni kimwe mu Bihugu bifitanye ubufatanye bukomeye n' u Rwanda mu bijyanye n' Uburezi.

Kuri ubu muri iri Shuri rya TTC Mater Dei Mbuga higishamo Abarezi 8 baturutse muri iki Gihugu mu rwego rwo kongera ireme ry' Uburezi.

# UMUYOBOZI W' AKARERE YIFATANYIJE N' ABATURAGE BA MUGANO MU MUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI K' UKWAKIRA 2023



**Meya NIYOMWUNGERI yifatanyije n' Abaturage bo muri Mugano mu Muganda Rusange**

Ku wa 28 Ukwakira 2023, Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n' Abaturage b' Umurenge wa Mugano by' umwihariko abo mu Kagari ka Gitwa, mu Muganda Rusange usoza Ukwezi k' Ukwakira aho bacukuye imirwanyasuri munsi y' Ishuri Ribanza rya Mwumba (EP Mwumba) ku buso bwa 1.2Ha, banatera ibiti bivangwa n' imyaka bigera kuri 200 mu butaka bw' iri Shuri mu gutangiza Igihembwe cyo gutera ibiti.

Nyuma y' Umuganda, Meya NIYOMWUNGERI yashimiye aba Baturage ku bw' ubwitange bagaragaje muri ibi bikorwa by' Umuganda usoza Ukwezi k' Ukwakira 2023, aboneraho no kubasaba kubikomeza muri iki gihe cy' umuhindo mu rwego rwo gufata ubutaka.

Yabasabye kandi gucukura ibyobo bifata amazi mu rwego rwo kwirinda ko amazi aturuka ku nzu yakomeza gutwara ubutaka burimo n' ubuhingwa.

Nk' uko kandi byari biteganyijwe ko nyuma y' Umuganda usoza Ukwezi k' Ukwakira 2023 haba Amatora yo kuzuza Inzego, muri aka Kagari ka Gitwa, Umuyobozi w' Akarere yakurikiranye Amatora yo kuzuza Komite Nyobozi y' Umudugudu, ayo kuzuza Komite Nyobozi y' Inama y' Igihugu y' Abagore, ayo kuzuza Komite Nyobozi y' Inama y' Igihugu y' Urubyiruko, ayo gutora Umujyanama Rusange uhagararira Umudugudu mu Kagari (aho batari) n' aya Biro y' Inama Njyanama y' Umudugudu.



**Umuganda usoza Ukwakira wanahujwe no gutangiza igihembwe cyo gutera ibiti n' amashyamba**



**Meya NIYOMWUNGERI yakurikiranye Amatora yari ateganyijwe nyuma y' Umuganda Rusange**

# MINISITIRI USHINZWE IBIKORWA BY' UBUTABAZI YASUYE AKARERE KA NYAMAGABE N' INKAMBI Y' IMPUNZI YA KIGEME



**Minisitiri wa MINEMA Maj. Gen. ( Rtd.) Albert MURASIRA yasuye Akarere**

Ku wa 18 Ukwakira 2023, Minisitiri Ushinzwe Ibikorwa by' Ubutabazi Maj. Gen. (Rtd.) Albert Murasira yasuye Akarere ka Nyamagabe yakirwa n' Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI n' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akarere Bwana Alfred NGARAMBE.

Ibiganiro bagiranye, byibanze ku ishusho y' imicungire y' Ibiza mu Karere, imbogamizi zihari n' ingamba zo gukumira no kugabanya ingaruka ziterwa n' ibiza.



**Umuyobozi w' Akarere ari kumwe na Gitifu w' Akarere babanje kugirana ibiganiro byihariye na Minisitiri wa MINEMA**

Nyuma yo kuganira n' Ubuyobozi bw' Akarere Minisitiri Maj. Gen. (Rtd.) Albert Murasira ari kumwe n' aba Bayobozi yasuye Inkambi ya Kigeme icumbikiye Impunzi z' Abanyekongo zisaga ibihumbi 15 bagirana ibiganiro n' Abafatanyabikorwa bakorera muri iyi Nkambi ndetse na Komite Nyobozi yazo. Ibiganiro bagiranye byibanze ku iterambere ry' imibereho yazo.

Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko Akarere gafatanyije n' Abafatanyabikorwa gashyira ingufu mu kuzamura imibereho y' Impunzi zo muri iyi Nkambi ya Kigeme ndetse n' imibanire hagati ya zo n' Abanyarwanda baturanye ahanini binyuze mu mishinga inyuranye irimo iyo kubaha amahugurwa no kubahuriza hamwe mu bikorwa by' ubuhinzi n' ubucuruzi.

Minisitiri wa MINEMA, Maj. Gen. (Rtd.) Albert Murasira yashimiye Akarere uburyo kita ku Mpunzi zo mu Nkambi ya Kigeme, azisezeranya ko nubwo zitari iwabo Leta y' u Rwanda izakora uko ishoboye kose kugira ngo zibeho nk'Abaturage b'Igihugu




**Ari kumwe n' Umuyobozi w' Akarere Minisitiri MURASIRA yagiranye ibiganiro n' Abafatanyabikorwa bakorera mu Nkambi ya Kigeme**

# MU KARERE HASOJWE UKWEZI K' UBUKORERABUSHAKE HATERWA IBITI



Muri G.S Gasaka ni ho hasorejwe Ukwezi k' Ubukorerabushake mu Karere

Kuri uyu wa 31 Ukwakira 2023, mu Rwunge rw' Amashuri rwa Gasaka Groupe Scolaire Gasaka) ruherereye mu Murenge wa Gasaka, habereye umuhango wo gusoza Ukwezi k' Ubukorerabushake haterwa ibiti muri iri Shuri.

Bwana Peacemaker Mbungiramihigo, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Politiki igenga Itangazamakuru muri Minisiteri y' Ubutegetsi bw' Igihugu MINALOC wari uhagarariye iyi Minsiteri muri uyu muhango yahaye Urubyiruko rwiga muri iri Shuri ubutumwa bwo guhindura imitekerereze iganisha aheza barushaho kugira imyitwarire myiza.



Peacemaker MBUNGIRAMIHIGO, Umuyobozi Mukuru muri MINALOC yabaye Urubyiruko kurushaho kugira imyitwarire myiza

Yashimiye uru Rubyiruko ibikorwa by' ubukorerabushake badahwema kugaragaza birimo ibihindura imibereho y' Abanyarwanda cyane cyane abatishoboye nko kubaha umuganda wo kububakira n' ibindi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akarere Bwana Alfred NGARAMBE wari uhagarariye Akarere, yasabye uru Rubyiruko kwirinda kwishora mu ngeso mbi zirimo ibiyobyabwenge n' inda zitateganyijwe.



Alfred Ngarambe, Gitifu w' Akarere yasabye Urubyiruko kwirinda ingeso mbi



Mu gusoza Ukwezi k' Ubukorerabushake hanatewe ibiti

## ABAKOZI B' ISHAMI RY' UMURYANGO W' ABIBUMBYE RISHINZWE IBIRIBWA KU ISI (WFP) RYASUYE IBIKORWA BITANDUKANYE RITERAMO INKUNGA MU KARERE



**VM ASOC yakira Abakozi ba WFP basuye Akarere**

Kuri uyu wa 31 Ukwakira 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès
UWAMARIYA yakiriye itsinda ry' Abakozi b' Ishami ry' Umuryango W' Abibumbye Rishinzwe Ibiribwa ku Isi (WFP) basuye ibikorwa by' ubuhinzi bubungabunga ubutaka na gahunda yo kugaburira abana ku Ishuri (School Feeding) mu Karere.

Iri tsinda ryari rigizwe n' Abakozi ba WFP bakorera mu Rwanda, Kenya no muri Denmark ryabanje kugirana n' Ubuyobozi bw' Akarere ibiganiro byibanze ku bufatanye muri ibi bikorwa.

Nyuma y' ibi biganiro, riherekejwe n' Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage basuye ibikorwa by' ubuhinzi bubungabunga ubutaka (Conservation Agriculture) bya Koperative CODUMU ihuriweho n' Abaturage bo mu Mirenge ya Uwinkingi na Kibirizi.

Bakiva muri iki gishanga basuye Ishuri Ribanza rya Mugombwa riherereye mu Murenge wa Cyanika rwego rwo kureba uko gahunda yo kugaburira abana ku Ishuri (School Feeding) yifashe.



**Abakozi ba WFP baherekejwe na VM ASOC basuye EP Mugombwa bareba ibijyanye na School Feeding**

Ishami ry' Umuryango W' Abibumbye Rishinzwe Ibiribwa ku Isi (WFP) ni umwe mu Bafatanyabikorwa b' Akarere muri Gahunda yo kugaburira Abana ku Ishuri no mu mishinga y' ubuhinzi itandukanye igamije gufasha abahinzi kongera umusaruro.



**Basuye kandi ibikorwa by' ubuhinzi bubungabunga ubutaka**

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**